DUKOMEZE GUFATANYA NA CARITAS TUGOBOKE ABATISHOBOYE

Kuri uyu wa kabiri, tariki ya 14/04/2020, ku rwunge rw'amashuri rw'Akimitoni, mu Murenge wa Kabatwa, mu Karere ka Nyabihu ho muri Paruwasi Gatolika ya Busasamana; ahacumbikiwe imiryango isaga 52 yasenyewe n'imvura nyinshi ivanze n'inkubi y'umuyaga yibasiye Akagali ka Myuga ,umudugudu w'Akababaza n'Akagali ka Batikote mu midugudu ya Sake na Rubare , ku bufatanye bwa Caritas ya Diyosezi Gatolika ya Nyundo n'Akarere ka Nyabihu, habereye igikorwa cyo gushyikiriza inkunga ifite agaciro ka miliyoni ebyiri n'ibihumbi Magana inani mirongo inani na bitandatu (2,886,000Frw) CRS (Catholic, Relief Service)yagenewe iyo miryango.

Iyo nkunga igizwe n'ibiro 650 by'umuceli, ibiro 1,300 by'ifu y'ibigori (Kawunga), ibiro 5,200 by'ibishyimbo, ibiro 260 by'imvange y'ifu y'igikoma, ibiro 104 by'isukali, litiro 104 z'amavuta yo guteka, tije 156 z'amasabune, uducupa 104 tw'umuti usukura amazi (Sir'eau) n'amabase 52

Mu ijambo ryo gukomeza kwihanganisha abagizweho ingaruka n'ibyo biza, kwishimira ubufatanye bwiza bwa Leta na Kiliziya mu guharanira imibereho myiza y'ikiremwa muntu, abahagarariye inzego zitandukanye batanze kandi ubutumwa bwo gukomeza kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'inzego z'ubuzima yo kwirinda icyorezo cya Covid 19 gihangayikishije isi muri rusange n'u Rwanda by'umwihariko.

Iki gikorwa cyarigihagarariwe na Padiri Jean Paul Rutakisha ,Umuyoboziwa Caritas ya Nyundo zone ya Gisenyi , Padiri Thadée Musabyimana akaba

Padiri mukuru wa Busasamana na Padiri Fidèle Karasira uvuka muri iyo Paruwasi, Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kabatwa n'uhagarariye ingabo na Police muri ako gace. Hari kandi n'abakozi ba Caritas Rwanda mu mushinga wayo wa Gikuriro wita ku bikorwa byo kurwanya imirire mibi n'igwingira ku bagore batwite n'abana bari mu nsi y'imyaka itanu mu karere ka Nyabihu.

Abagize imiryango yagizweho ingaruka n'icyo cyiza bishimiye igikorwa cy'urukundo n'impuhwe bagiriwe kandi basabira umugisha abagiteguye ndetse n'ababashyikirije inkunga.

UWAMAHORO LUCETTE
Umuhuzabikorwa w'ishami ry'ubuzima
Caritas Nyundo zone ya Gisenyi